

RWANDA / JUDGMENT

Re RUBAKISIBO

RCAA 00005/2024/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

19 May 2025

CASE / FILE NUMBER

RCAA 00005/2024/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

Re RUBAKISIBO

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-05-19
- Case/document no.: RCAA 00005/2024/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

Re RUBAKISIBO [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCAA 00005/2024/CA (Munyangeri, P.J.) 19 Gicurasi 2025] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Inyandikonsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe (Requete Unilaterale) – Uburyo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe bukoreshwa n'umuburanyi ushaka kugeza ku rukiko ikibazo bigaragara ko kinateye impaka, ni ukuvuga ko kugira ngo icyo kibazo gikemurwe, nta wundi muburanyi (uregwa) bikenewe ko ahamagarwa mu rubanza kandi urega akaba agamije gusaba Urukiko ko rugira ibyo ruramira mu buryo bwihuse. Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano – Ubujurire – Ingaruka k'urubanza rwarezwe ku rwego rwa mbere bidakurikije amategeko cyangwa rwararegewe Urukiko rutabifitiye ububasha Urukiko – Iyo habayeho kujurira, Urukiko rwajuririwe rwakira ubwo bujurire, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa, ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya. Incamake y'ikibazo: Abuzukuru ba Rwabugarama aribo Murangwa Alphonse, Mukakayonde Domina, Ntiyamira Emmanuel, Mukankusi Christine, Mugungakazi Justine, Mbaraga Innocent na Mukamwezi Josephine,

batanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe (Requete unilaterale), basaba gukura amazina ya succession Mukantambara ihagarariwe na Uwamahoro Safari ku cyangombwa UPI: 1/01/03/01/3293 hakandikwaho Murangwa Alphonse na bagenzi be. Ibi bikaba byarabaye nyuma yuko bagiye basaba Uwamahoro Safari kubahindurira ibyangombwa akabyanga, ndetse bakaza kugurisha ubwo butaka uwitwa Rubakisibo bazi ko Uwamahoro Safari azabahindurira bikarangira byanze. Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Murangwa Alphonse na bagenzi be, nta shingiro gifite. Abarega bajuririyeye mu Rukiko Rukuru, urwo Rukiko rwemeza ko ubujurire bwabo nta shingiro bufite. Rubakisibo yatambamiye urubanza avuga ko umutungo we wahawe abandi bantu kandi atarigeze ahamagarwa ngo aburane. Umuburanira asaba urukiko ko rwasuzuma ikibazo kijyanye no kuba ikirego cyaratanze mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, kandi rurimo impaka. Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Rubakisibo nta shingiro gifite, ndetse ko ikirego cyatanze na Murangwa na bagenzi be gitambamirwa mu bujurire cyatanze mu buryo bunyuranyije n'amategeko; ko imikirize y'urubanza rwaciye n'Urukiko Rukuru rugumye. Rubakisibo yajuririyeye mu Rukiko rw'Ubujurire avuga ko anenga Urukiko Rukuru kuba rwararanzwe no kwivugurura mu cyemezo rwafashe. Avuga ko rwavuze ko ikirego cyatanze na Murangwa na bagenzi be cyatanze mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ko ariko rutitaye ku ngaruka zabyo kuko icyo ruzitaho ruba rwaravuze ko urwo rubanza ruvanyeho. Avuga kandi ko urubanza yatambamiye ndetse n'urwo ku rwego rwa mbere zikwiye kuvanyaho kuko zatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ubifitemo inyungu akongera kurega mu buryo busanzwe.

Page 2

Murangwa na bagenzi be bavuye ku ingingo ya 189 y'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi isobanura uburyo ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe gitangwa, ko rero icyo harimo impaka kidatangwa mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. Asaba ko hakosorwa amakosa yakozwe, maze imikirize y'urubanza rwatambamiye ndetse n'izindi zose zaregowe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe bikavaho. Uwamahoro Sadari avuye ko Rubakisibo adakwiye gutambamira urubanza rurebana n'isambu ye, ko ahubwo akwiye gutambamira ubw'abamugurishije kandi ko niba abamurega batanga ibirego nabi, atari we wabibazwa. Umwunganira akavugako yemeranywa n'abavuye ko ikirego cyatanze nabi. Incamake y'icyemezo: 1. Uburyo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe bukoresha n'umuburanyi ushaka kugeza ku rukiko ikibazo bigaragara ko kidataye impaka, ni ukuvuye ko kugira ngo icyo kibazo gikemurwe, nta wundi muburanyi (uregwa) bikenewe ko ahamagarwa mu rubanza kandi urega akaba agamije gusaba Urukiko ko rugira ibyo ruramira mu buryo bwihuse.

2. Iyo Urukiko rwajuririyeye rusanze urubanza rwararegowe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko cyangwa rwararegaye urukiko rudafite ububasha, nyamara urwo rukiko rukaba rwarafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira,

urukiko rwajuririwe rwakira ubwo bujuriye, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegewe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa, ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya. Ubujuriye bufite ishingiro. Amagarama ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza. Amategeko yashingiweho: y'itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 y'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 21, iya 158 n'iya 189. Nta manza zifashishijwe Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Abuzukuru ba Rwabugarama bagabanye isambu ifite UPI: 1/01/03/01/3293 bahagarariwe na Murangwa Alphonse ari bo: Murangwa Alphonse, Mukakayonde Domina, Ntiyamira Emmanuel, Mukankusi Christine, Mugungakazi Justine, Mbaraga Innocent na Mukamwezi Josephine, basabye Uwamahoro Safari kujya kubahinduriza icyangombwa kikabandikwaho arabyanga. Ubwo butaka baje kubugurisha Rubakisibo Jean Pierre ku wa 12/01/2015 ku mafaranga miliyoni imwe n'ibihumbi magana atatu (1,300,000 Frw), bakaba baragurishije bizeye ko

Page 3

Uwamahoro Safari azageraho akisubiraho akajya kubahinduriza, nabo bagakorera Rubakisibo Jean Pierre ihererekanyamutungo. [2] Nta bwo byaje gukunda kuko havutse izindi manza zinyuranye harimo urubanza RC 00808/2022/TGI/NYGE rwaregewe mu buryo bw'inyandiko itanzwe n'umuburanyi umwe (requête unilatérale), aho basabaga gukura amazina ya succession Mukantambara ihagarariwe na Uwamahoro Safari ku cyangombwa UPI: 1/01/03/01/3293 hakandikwaho Murangwa Alphonse na bagenzi be. Urwo rubanza rwaciye ku wa 19/12/2022 rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Murangwa Alphonse, Mugungakazi Justine, Mbaraga Innocent, Mukakayonde Domina, Ntiyamira Emmanuel, Mukamwezi Justine na Mukankusi Justine, nta shingiro gifite. [3] Urwo rubanza rwajuririwe mu Rukiko Rukuru kuri RCA 00010/2023/HC/KIG, ku wa 18/04/2023, rwemeza ko ubujuriye bwa Murangwa Alphonse, Mugungakazi Justine, Mbaraga Innocent, Mukakayonde Domina, Ntiyamira Emmanuel, Mukamwezi Justine na Mukankusi Justine, nta shingiro bufite. [4] Rubakisibo Jean Pierre yatambamiye imikirize y'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG avuga ko umutungo we wahawe abandi bantu kandi atarigeze ahamagarwa ngo aburane. Me Twayigize Jean Claude wari umuhagarariye yasabye gusuzuma ikibazo kijyanye no kuba ikirego cyaratanzwe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, kandi rurimo impaka. [5] Urukiko rwasuzumye ikibazo kirebana n'uburyo ikirego cyatanzwemo. Mu rubanza RCA 00167/2023/HC/KIG rwaciye n'Urukiko Rukuru ku wa 29/08/2023, urwo Rukiko rushingiye ku ngingo ya 189 y'itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rwemeje ko ikirego cyo gutambamira imikirize y'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG rwaciye n'Urukiko Rukuru ku wa 18/04/2023 cyatanzwe na Rubakisibo Jean Pierre kitakiriwe, ko ikirego cyatanzwe na Murangwa Alphonse, Mugungakazi Justine, Mbaraga Innocent, Mukakayonde Domina, Mukamwezi Justine, Mukankusi Christine na Ntiyamira Emmanuel gitambamirwa mu bujuriye cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko; ko imikirize y'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG rwaciye n'Urukiko Rukuru ku wa 18/04/2023 rugumye; ko amafaranga

y'amagarama y'urubanza Rubakisibo Jean Pierre yatanze ajurira, ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza. [6] Ku wa 28/09/2023, Rubakisibo Jean Pierre yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire, ubujurire bwe bwandikwa kuri RCAA 00005/2024/CA. Mu myanzuro yo kujurira, anenga Urukiko Rukuru kuba rwararanzwe no kwivuguruza mu cyemezo rwafashe. [7] Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku wa 03/03/2025, uwo muni hitaba Rubakisibo Jean Pierre ahagarariwe na Me Twayigize Jean Claude, iburanisha ryimurirwa ku wa 17/03/2025 kugira ngo abari ababuranyi mu rubanza rujuririrwa bahamagarwe muri uru rubanza. [8] Uwo muni ababuranyi bose baritabye, Rubakisibo Jean Pierre ahagarariwe nka mbere, Murangwa Alphonse, Mukamwezi Joséphine, Ntiyamira Emmanuel, Mbaraga Innocent, Mugungakazi Justine, Mukankusi Christine na Mukakayonde Domina bahagarariwe na Me Mukandayisenga Anne Marie, Uwamahoro Safari ahagarariwe na Me Basomingera Albert,

Page 4

ryongera kwimurirwa ku wa 27/03/2025 kugira ngo ababuranyi batagize icyo bavuga ku ngingo y'ubujurire ya Rubakisibo Jean Pierre babikore. [9] Ku wa 27/03/2025, ababuranyi bose baritabye bahagarariwe nka mbere, Uwamahoro Safari yunganiwe na Me Basomingera Albert. Uhagarariye Rubakisibo Jean Pierre avuga ko impamvu uwo ahagarariye yajuriye, ari uko Urukiko Rukuru rwaranzwe no kwivuguruza, agasaba uru Rukiko kubikosora. [10] Uhagarariye Murangwa Alphonse, Mukamwezi Joséphine, Ntiyamira Emmanuel, Mbaraga Innocent, Mugungakazi Justine, Mukankusi Christine na Mukakayonde Domina asaba uru Rukiko kvanaho imanza zaciwe zararegawe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. [11] Uwamahoro Safari avuga ko kuba abo baburana batanga ibirego nabi bitamureba, naho umwunganira akavuga ko na we abona ko kuva mu ntangiriro ikirego cyatanze nabi, bityo ko izo manza zakurwaho, ubifitemo inyungu agatanga ikirego mu buryo bukurikije amategeko. [12] Nyuma y'izo mpaka, Urukiko rurasanga hagomba gusuzumwa ibibazo bikurikira:

- a. Kumenya niba Urukiko Rukuru rwararanzwe no kwivuguruza;
- b. Kumenya niba imanza zaregawe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe zavanwaho II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA
1. Kumenya niba Urukiko Rukuru rwararanzwe no kwivuguruza [13] Uhagarariye Rubakisibo Jean Pierre avuga ko mu gika cya 9 cy'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rwemeje ko urubanza rutambamirwa rutagombaga gutangwa nk'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, ko ariko rutitaye ku ngaruka zabyo kuko icyo ruzitaho ruba rwaravuze ko urwo rubanza ruvanweho. [14] Avuga ko kuba kandi rwaravuze ko ikirego cyo gutambamira urubanza RCA 00010/2023/HK/KIG kitakiriwe, nabyo asanga harimo kwivuguruza, akaba ari ikosa rikomeye asaba ko rikosorwa, ikirego kikakirwa kandi kigahabwa ishingiro. [15] Uhagarariye Murangwa Alphonse, Mukamwezi Joséphine, Ntiyamira Emmanuel, Mbaraga Innocent, Mugungakazi Justine, Mukankusi Christine na Mukakayonde Domina, nta cyo bavuze kuri iyi ngingo. [16] Uwamahoro Safari n'umwunganira nabo nta cyo bavuze kuri iyi ngingo. Uko Urukiko rubibona [17] Impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba mu rubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru

rwararanzwe no kwivuguruza

Page 5

- [18] Dosiye y'urubanza RCA 00167/2023/HC/KIG rujuririrwa, igaragaza ko mu gika cya 9 Urukiko Rukuru rwasobanuye ko ibikubiye mu gika cya 13 cy'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG bigaragaza ko ikiburanwa kirimo impaka, bityo ko abareze batari kubikora mu buryo bw'inyandiko nsobanurakibazo itanzwe n'umuburanyi umwe, mu cyemezo cy'Urukiko, rwemeza ko ikirego cyo gutambamira urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG rwaciwe ku wa 18/04/2023 cyatanzwe na Rubakisibo Jean Pierre kitakiriwe, rwongera kwemeza ko ikirego cyatanzwe na Murangwa Alphonse na bagenzi be gitambamirwa mu bujurire, cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ko urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG, rutambamirwa rugumye. [19] Urukiko rw'Ubujurire rurasanga kuba Urukiko Rukuru rwarafashe icyemezo ruvuga ko ikirego cyo gutambamira urubanza cyatanzwe na Rubakisibo Jean Pierre kitagombaga kwakirwa, rukavuga na none ko ikirego cyatanzwe na Murangwa Alphonse na bagenzi be mu bujurire mu rubanza rutambamirwa cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, rugahindukira rukemeza ko imikirize y'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG igumye kandi rwemeje ko ikirego kuri rwo cyatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, harimo kwivuguruza.
2. Kumenya niba imanza zaregwe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakibazo itanzwe n'umuburanyi umwe zavanwaho [20] Uhagarariye Rubakisibo Jean Pierre avuga ko kuba mu ntangiriro abareze baratanze ikirego mu buryo bw'inyandiko nsobanurakibazo itanzwe n'umuburanyi umwe nyamara bigaragara ko ikiburanwa kirimo impaka, urubanza Rubakisibo Jean Pierre yatambamiye ndetse n'uwo ku rwego rwa mbere zikwiye kuvanwaho kuko zatanzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ubifitemo inyungu akongera kurega mu buryo busanzwe. [21] Uhagarariye Murangwa Alphonse, Mukamwezi Joséphine, Ntiyamira Emmanuel, Mbaraga Innocent, Mugungakazi Justine, Mukankusi Christine na Mukakayonde Domina avuga ko ingingo ya 189 y'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruza, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi isobanura uburyo ikirego cy'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe gitangwa, ko rero iyo harimo impaka kidatangwa mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. Asaba uru Rukiko gukosora amakosa yakozwe, maze ruvaneho imikirize y'urubanza rwatambamiye ndetse n'izindi zose zaregwe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. [22] Uwamahoro Safari avuga ko Rubakisibo Jean Pierre adakwiye gutambamira urubanza rurebana n'isambu ye, ko ahubwo akwiye gutambamira ubw'abamugurishije kandi ko niba abamurega batanga ibirego nabi, atari we wabibazwa. Uwunganira Uwamahoro Safari avuga ko yemeranya n'abandi baburanyi bavuga ko ikirego cyatanzwe nabi mu ntangiriro, ko na we asanga imanza zaciwe zikwiye guteshwa agaciro, uwaba afite inyungu agatanga ikirego mu buryo bukurikije amategeko. Uko Urukiko rubibona [23] Impaka kuri iyi ngingo zishingiye ku kumenya niba imanza zaregwe mu buryo bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe zateshwa agaciro kuko zaregwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Page 6

[24] Ingingo ya 189, igika cya mbere y'itegeko ryavuzwe haruguru iteganya ibikurikira: “Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe ni uburyo budasanze bwo kuregera umucamanza umusaba kugira ibyo aramira mu buryo bwihuse. Ibikubiye muri icyo nyandiko bigomba kandi kuba ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteye ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa. Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe ishobora gukoreshwa mu bibazo byose bisaba ko hafatwa icyemezo cyihuse bitari ngombwa ko habanza gutangwa ikirego cy’iremezo.” [25] Iyi ngingo yumvikanisha ko uburyo bw’inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe bukoreshwa n’umuburanyi ushaka kugeza ku rukiko ikibazo bigaragara ko kidatye impaka, ni ukuvuga ko kugira ngo icyo kibazo gikemurwe, nta wundi muburanyi (uregwa) bikenewe ko ahamagarwa mu rubanza kandi urega akaba agamiye gusaba Urukiko ko rugira ibyo ruramira mu buryo bwihuse. [26] Ingingo ya 21, igika cya mbere y’itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 rimaze kuvugwa iteganya ko “Umwanditsi w’Urukiko adashobora kwandika ikirego mu gihe urega: 5° atatanze ikirego mu buryo no mu gihe giteganywa n’amategeko.” Na ho ingingo ya 158, igika cya mbere y’itegeko y’igiteganywa ko “Iyo Urukiko rwajuririwe rusanze urubanza rwararegwe mu rwego rwa mbere mu buryo budakurikije amategeko cyangwa rwararegeye urukiko rudafite ububasha, nyamara urwo rukiko rukaba rwafashe icyemezo cyo kurwakira kandi rutaragombaga kurwakira, urukiko rwajuririwe rwakira ubwo bujuriye, rukagaragaza ko urwo rubanza rwajuririwe rwari rwararegwe urukiko rwa mbere mu buryo bunyuranyije n’amategeko, rugatesha agaciro ibyemezo byose byashingiye kuri iryo kosa, ubifitemo inyungu akaba yakongera agatanga ikirego bundi bushya.” [27] Dosiye y’urubanza igaragaza ko mu rubanza RC 00808/2022/TGI/NYGE rwaciye n’Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 19/12/2022, Mbaraga Innocent, Mugungakazi Justine, Mukakayonde Domina, Mukamwezi Josephine, Mukankusi Christine, Murangwa Alphonse na Ntiyamira Emmanuel baregeye urwo Rukiko nta we barega, ikiburanwa ari “Gusaba gukura amazina ya Succession Mukantambara ihagarariye na Uwamahoro Safari ku cyangombwa UPI: 1/01/03/01/3293 hakandikwaho Murangwa Alphonse, Mbaraga Innocent na bagenzi be barega.” Urukiko rwakiriye ikirego cyabo, maze rwemeza ko nta shingiro gifite. [28] Mbaraga Innocent na bagenzi be bajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, rwandikwa kuri RCA 00010/2023/HC/KIG, ku wa 18/04/2023 rwemeza ko ubwo bujuriye nta shingiro bufite. [29] Rubakisibo Jean Pierre yatanze ikirego cyo gutambamira urwo rubanza, cyandikwa kuri RCA 00167/2023/HC/KIG, akaba yarasabye Urukiko Rukuru gusuzuma niba ikirego cyatanzwe nk’inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe cyaragombaga kwakirwa kandi harimo impaka, iki kibazo akaba ari cyo Urukiko Rukuru rwasubije ariko muri icyo gisubizo hagaragaramo kwivuguruza nk’uko byagaragajwe mu bika byo hejuru. [30] Urukiko rw’Ubujiye rurasanga hakurikijwe uburyo ikiburanwa ubwacyo cyanditse, bigaragarira buri wese ko ikirego cyatanzwe mu buryo bw’inyandiko nsobanurakirego itanzwe n’umuburanyi umwe, nyamara kirimo impaka kuko niba abareze basaba ko umutungo uvanwa ku mazina y’abazungura ba Mukantambara, byumvikana ko hagati yabo n’abo bazungura harimo impaka.

Page 7

[31] Kubera izo mpamvu, uru Rukiko rurasanga ikirego Mbaraga Innocent na bagenzi be batanze mu rubanza RC 00808/2022/TGI/NYGE kitaragombaga kwakirwa, rukaba rugomba kuvanwaho kimwe n'izirushamikiyeho zose.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [32] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Rubakisibo Jean Pierre, bufite ishingiro. [33] Rwemeje ko ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko Rukuru mu rubanza RCA 00167/2023/HC/KIG rwaciwe ku wa 29/08/2023, harimo kwivuguruza. [34] Rutegetse ko urubanza RC 00808/2022/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 19/12/2022 n'urubanza RCA 00010/2023/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 18/04/2023, zivanyweho. [35] Rutegetse ko amafaranga y'ingwate y'amagarama yatanzwe na Rubakisibo Jean Pierre ajurira, ahwanye n'ibyakoze mu rubanza.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10139/10675>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/rubakisibo-jean-pierre-v-murangwa-alphonse-unilateralapplication-court-of-appeal-2025>

Prepared on 14 October 2026 · Esheria